ISHYAKA RIHARANIRA UBUMWE BW'ABANYARWANDA NA DEMOKARASI
DEMOCRATIC UNION OF RWANDAN PEOPLE
UNION DEMOCRATIQUE DU PEUPLE RWANDAIS
Tel:(+250)788309941

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Ubuyobozi bw'Ishyaka Riharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda na Demokarasi **(UDPR)** bunejejwe no kwifatanya n'abayoboke baryo, Abanyarwanda n'inshuti zabo, mu kwizihiza isabukuru y'imyaka 27 u Rwanda rumaze rubohowe n'Ingabo zari iza **FPR-Inkotanyi,** zahagaritse jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zinarokora Abatutsi bicwaga urupfu rw'agashinyaguro muri iyo jenoside bazira uko baremwe.

Kwibohora ni ukugira umutima mugari wo gukunda Igihugu no kukitangira ku kiguzi icyo ari cyo cyose, ni ukwibuka aho wavuye kugira ngo utazasubira mu mateka mabi , ni ukubungabunga ibyiza byagezwe ho, ni uguharanira ubwigenge burambye mu rwego rw'ubukungu, imibereho myiza y'abanyagihugu, n'ubusugire bw'Igihugu.

Ishyaka UDPR rirashimira intwari zose zitanze ku buryo butagereranywa, zikamena amaraso yazo ngo zibohore Igihugu , zikanahagarika na jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ubuyobozi bw'Ishyaka Riharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda na Demokarasi, burashimira cyane Umukuru w'Igihugu, **Nyakubahwa Paul Kagame,** ku miyoborere myiza y'Igihugu cyacu ishingiye k'umutekano, kwishyira ukizana, kwegereza abaturage ubuyobozi n'ibikorwaremezo byazamuye iterambere ry'umuturage, kunoza umubano n'amahanga no guharanira buri gihe ubudasa bw'u Rwanda.

E-mail: info@udpr-rwanda.org
Website: http//www.udpr-rwanda.org/

ISHYAKA RIHARANIRA UBUMWE BW'ABANYARWANDA NA DEMOKARASI
DEMOCRATIC UNION OF RWANDAN PEOPLE
UNION DEMOCRATIQUE DU PEUPLE RWANDAIS
Tel:(+250)788309941

Ubuyobozi bw'Ishyaka Riharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda na Demokarasi, kandi burashimira **Ingabo z'Igihugu (RDF) na Polisi y'Igihugu (RNP)**, ku bikorwa byiza byo kubungabunga umutekano n'ibikorwa by'iterambere bifitiye akamaro abaturage nko kububakira imidugudu y'ikitegererezo, kubavura,... bikaba bimaze kugira ingaruka nziza ku mibereho ya buri munyarwanda.

Ubuyobozi bw'Ishyaka UDPR, burakanguria abayoboke baryo n'Abanyarwanda bose muri rusange gukomeza kwishimira ibyo tumaze kugezwaho no kwibohora, twubahiriza kandi dushyira mu bikorwa inama, n'amabwiriza byose byo kwirinda icyorezo cya COVID19.

Mugire amahoro

Bikorewe i Kigali kuwa 3 Nyakanga 2021

Depite NIZEYIMANA Pie

Perezida wa UDPR